UMUJINYA

Ni byiza guceceka/gutuza aho gufatwa nk' umuntu ufite imyitwarire idahwitse.

IHAME RY' ICYUMWERU

Si bibi kugira umujinya. Umujinya ni imbaraga ziba muri twe zishobora kwifashishwa gukora imirimo ya gatangaza. Beshi muri ba rwiyemeza mirimo bagira umujinya w' ikirenga ubatera kugira umwete wo kugera ku ntego zabo. Umujinya umeze nka mazutu, uko uwuzamuye, ni nako uwutiza umurindi wo kuwuhorana. Bityo ugasanga bibaye ikibazo gikomeye. Rero mu gihe tudawitondeye kuyobora mazutu, ishobora gutwika inzu zacu, usibye ko kandi udufiiye akamaro kanini.

Ntitugomba gusiba ibintu bimwe ngo ni uko bifite ubumara, ahubwo tugomba gushyiraho ingamba zo kubyirinda kugira ngo tubibyaze umusaruro. Umujinya udutera imbaraga zo guhangara, muri ubu buryo dushobora gukora byinshi. Ntabwo ukorera mu bitekerezo gusa ahubwo usakaraza imbaraga mu mubiri wose.

Dukoresheje izi mbaraga kandi dushobora kuba abangizi. Dushobora gukomeretsa umuntu, kumena ibintu cyangwa tukavuga amagambo yangiza umubano wacu ndetse tukitesha agaciro mu miryango dutuyemo. Mu gihe twumvishe ko umujinya wazamutse, tugomba kwibaza igishobora kuba hamwe ni ingaruka cyadutera ndetse ni abari iruhande rwacu. Tugomba kwiga gutangira umujinya wacu maze tukawuyoboramo imbaraga z' umurimo. Abantu bindashyikirwa usanga baritoje gutekereza mbere yuko agira icyo akora. Kuyobora umujinya wacu bidufasha kubaka kamere nziza hamwe ni ubunyangamugayo.

Agaciro no gusobanukirwa umujinya wacu biturinda gukandamiza abandi. Abantu b'umujinya w'ikirenga bakunze guhatiriza aho bageze kugira ngo bagere ku byo bashaka.Kwiga guha abandi agaciro ni yo ntambwe ya mbere iyobora imyitwarire yacu. Byagaragaye kandi ko, abantu b' umujinya mwinshi batiza abandi imbaraga mu kazi, kubera kamere yabo. Bareba kure kandi babona isi uko ishobora kumera bityo bagahora bayikora nziza kurushaho. Akenshi ntibatinya kandi bavuga bemye. Bafata ibibazo nka ibigeragezo byoroshye bikeneye gukosorwa.

INYUNGU

1. Mu gihe ufite umujinya mwinshi ushobora gukomera, ukorana umurava ndetse ugashobora no gufata ibyemezo bikaze. Iyi myumvire ishobora gufasha intekerezo zawe ikongerera imbaraga. Usibye ko, izo mbaraga zishobora kandi gusenya umubano. Abantu b' umujinya mwinshi, bagira amahirwe akomeye, ariko bagomba kuyayobora neza.
2. Abantu baganzwa ni umujinya bashobora gutanga umusaruro. Imbaraga zisakazwa umubiri wose ni imisemburo y' umujinya iba mu mubiri. Aha rero, ushobora gukora imirimo utananirwa kuko ukora wumva ufite umurava.
3. Kamere yawe izashinga imizi mu gihe ukumira ibihe bibi kugukoza isoni.

Inzira ni imikorere yo kwirinda UMUJINYA

Gutekereza mbere yuko ukora hamwe no gusesengura ibyiyumviro byawe icyo gihe bizagufasha.

INTAMBWE ZIKURIKIZWA

1. Menya neza ingaruka mbi zizanwa no kurakara.
2. Igihe cyose ujye ucungana ingaruka zibyo ukora.
3. Zirikana icyo umujinya ushobora kuwukoresha mu buryo bwiza. Iyo ubonye imbaraga z'umusemburo, zikoreshe neza.
4. Izindi mbaraga z' umujinya jya uzikoresha mu mikino ngororamubiri. Utwika ibinure bizafasha gucubya umujinya wawe. Abakinnyi benshi bagira umujinya mwinshi, bagiye basabwa gukoresha umujinya wabo mu buryo bwiza.

Itoze kuyobora/ gucunga umujinya wawe.

Dore ko ni ibimera, nki ibiti ni indabo bikurwaho amababi adafite akamaro kugira ngo haboneke imbuto mwiza. Ikintu cyose gifite agaciro kigomba kugira umuyoboro; bitihise kizatakaza agaciro.

Umujinya wayobowe neza ni ingenzi kuko ushobora kubera abandi akarorero. Kandi ujye wishimira umujinya wawe. Ntukajye wemera ko ukwokama vuba vuba bitari ibyo, uzajya wibasira aba kuri hafi. W-U-S-H-Y-I-R-E hasi. Koresha ubushyuhe bwawo maze ususurutse imitima ikonje ya bantu, nu bigenza utyo uzafatwa nk' umuhanga ushobora kwigenga.

IBAZE KANDI USUBIZE

1. Ese umujinya wawe waba warigeze kuguhombya?
2. Ese uha agaciro umujinya wawe?

Ibuka....Intekerezo zibyara ibikorwa, Ibikorwa bibyara ingeso, Ingeso zirema kamere, yacu Nuko kamere igena ejo hacu hazaza!

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota?										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame??										
Ingengabihe kw' ihame usoma buri munsi	M	T	W	T	F	S	S			